



Ikinyamakuru N°26/2016;

Taliki ya 11– 20 Nzeri 2016

Ryoherejwe kuwa 22 Nzeri 2016

Ingingoz'ingenzi:

- Igihembe cya 2 cy'ukwezi kwa Nzeri 2016 cyagaragajeko imvura yabonetse iri mu kigero cy'isanzwe igwa mu bice **byinshi by'igihugu**
- **Ubuhehere bw'ubutaka bwariyongereye mu bice byose by'igihugu ku buryo bugaragara**
- Mu mataliki ya 21 -30 z'ukwezi kwa Nzeri 2016, hateganyijwe ubwiganze bw'ibicu ndetse n'imvura nke, iziyongera mu bice by'amajyaruguru n'uburengerezuba bw'igihugu.


I. Iriburiro

- a) Mu gihembwe cya 2 cy'ukwezi kwa Nzeri 2016 nubwo habonetsemo imvura ihagije, ubupimiro bwa Rubavu na Bugarama bwo mu Ntara y'Uburengerezuba ndetse n'ubwa Gicumbi na Busogo mu Ntara y'Amajyaruguru ntibwabonye imvura igeze ku gipimo cy'isanzwe igwa kandi buherereye mu gice gisanzwe kibona imvura nyinshi mu Rwanda

Igiteranyo cy'imvura kuri buri bupimiro (muri mm)

Ubupimiro	11-20 Nzeri 2016	11-20 Nzeri
Kigali	33.2	25.5
Rusizi (Kamembe)	62.6	35.6
Rubavu (Gisenyi)	37.2	38.6
Nyamagabe (Gikongoro)	67.9	26.7
Ngoma (Kibungo)	39.6	23.3
Gicumbi (Byumba)	14.9	50.6
Busogo	54.1	55.4
Bugarama	10.6	23.9
Musanze (Ruhengeri)	54.1	35.6
Gitega	122.8	21.4
Rubengera	108.9	25.6
Byimana	53.5	22.1
Kawangire	27.3	19.8
Nyagatare	13.6	12.7


[Imbonerahamwe ya]

Ikigereranyo ku mvura yaguye mu gihembwe cya 2 cya Nzeri hamwe n'isanzwe igwa muri ibyo bihe


Igishushanyo1

- b) **Ubusesenguzi ku mvura yaguye:** Ikarita zikurikira zigereranya imvura yaguye gihembwe cya 2 cya Nzeri 2016, imvura isanzwe igwa mu gihembwe cya 2 cya Nzeri, imvura yaguye mu gihembwe cyakibanjirije (iglihembe cya mbere cya Nzeri 2016) ndetse n'imvura isanzwe igwa mu gihembwe cya mbere cya Nzeri muri rusange.


Ikarita ya1: Imvura yaguye 11–20 Nzeri 2016




Ikarita ya2: Imvura isanzwe igwa hagati ya 11–20 Nzeri



Ikarita ya3: Imvura yaguye 1–10 Nzeri 2016



Ikarita ya4: Imvura isanzwe igwa hagati ya 1–10 Nzeri



II. Uko imvura yaguye hirya no hino mu gihugu hagati ya 11–20 Nzeri 2016 mu buryo burambuye

a) Intara y'Iburasirazuba

Ubupimiro buhagarariye iyi Ntara bwerekanye imvura ingana n'isanzwe igwa kugeza ku gipimo cyo hejuru (nkuko **ikarita ya1&2** zibyerekana); iyo mvura yaguye kandi iri mu kigereranyo kimwe n'iyaguye mu minsi icumi yambere y'ukwezi kwa Nzeri (**ikarita ya1&3**)

b) Intara y'Amajyaruguru

Ubupimiro bwa Gicumbi bwerekanye imvura iri munsi y'isanzwe muri iyi minsi yose ishize y'ukwezi kwa Nzeri (**ikarita ya1&2** hamwe n' **ikarita ya3&4**); Ubundi bupimiro bwafashe imvura iri ku kigereranyo cyisanzwe igwa mu mataliki ya 11–20 Nzeri (**ikarita ya1&2**).

c) Intara y'Amajyepfo

Iminsi 10 yambere y'ukwezi kwa Nzeri yerekanye imvura nke kubupimiro buhagarariye Intara y'Amajyepfo, imvura yaje kwiyongera mu gihembwe cya kabiri cy'uku kwezi ikagera kuyari isanzwe igwa muri iyi Ntara (**ikarita ya1&2**).

d) Intara y'i Burengerazuba


Habonetse imvura iri hejuru y'isanzwe igwa ku bupimiro bwose (reba **ikarita ya1&2** hamwe n' **ikarita ya3&4**).

e) Umujyi wa Kigali

Mu mujyi wa Kigali uhagarariwe n'ubupimiro 2 wabonye imvura iri hejuru y'isanzwe igwa (reba **ikarita ya1&2**, cyane cyane uburengerazuba bw'umujyi wa Kigali (Ubupimiro bwa Gitega= mm122.8).

III. Ingaruka ku Buhinzi

a) Ububobere bw'ubutaka (amafoto y'icyogajuru)



“Nzeri 2016 dekad2” yerekana ubwiyongere buhagije ku bubobere bw'ubutaka ugereranyije na “Nzeri 2016 deka1”; ubu bwiyongere bwatewe n’imvura ihagije yabonetse muri “Nzeri 2016 dekad2” (ighembwe cya 2 cya Nzeri)

Ifoto y'icyogajuru irerekana igipimo kiri hejuru y'ijana ($MI > 100$) ku gipimo mpuzamahanga ku buhehere bw'ubutaka mu gihugu cyose (reba **Ikarita6**); ububobere bubereye ihinga ku biningwa byinshi biterwa mu Rwanda. Iyi mins 10 ikurikira (21-30 Nzeri), hateganijwe ugukomeza kugwa kw’imvura cyane cyane mu majyaruguru y’ighugu, ndetse n’ubugabanuke bw’imvura cyane cyane mumajyepfo y’Intara y’Uburasirazuba. Abahinzi baragirwa inama yo kubika amazi yo kwuhira muri iki Gihembwe-A cy’ihinga cyane cyane ibice bigaragaza imvura nke, nk’amajyepfo y’Intara y’Uburasirazuba, mu gihugu hagati ndetse n’Intara y’Amajyepfo muri rusange

b) Iteganyagihe

Kuva taliki 21-30 Nzeri 2016 hateganijwe ugukomeza kugwa kw’imvura cyane cyane mu majyaruguru y’ighugu (kuva mu Burasirazuba kugeza mu Burengerazuba), ndetse n’ubugabanuke bw’imvura cyane cyane mumajyepfo y’Intara y’Uburasirazuba

Umujyi wa Kigali; hateganijwe igabanuka ry’imvura, ikazongera kwiyongera mu mpera z’uku kwezi kwa Nzeri 2016

Intara y’Uburasirazuba; igice cy’amajyaruguru y’iyi Ntara giteganijwe kubona imvura ihagije, mu gihe igice cy’amajyepfo no hagati kizabona imvura iri munsi y’isanzwe igwa.

Intara y’Uburengerazuba; hateganijwe imvura iremereye cyane cyane mu majyaruguru y’iyi Ntara.

Intara y’Amajyaruguru; hateganijwe ubwiganze bw’imvura iremereye mu bice byinshi by’iyi Ntara

Intara y’Amajyepfo; hateganijwe ubwiganze bw’ibicu ndetse n’imvura nke ugereranyije n’ianzwe igwa muri iyi Ntara

N.B: Iri teganyagihe rigomba kwifashishwa hagendewe kurisohoka buri munsi, iry’iminsi itatu (3), itanu (5) ndetse n’iry’iminsi irindwi (7) ritangwa n’Ikigo cy’Ubumenyi bw’Ikirere (Meteo Rwanda)